

WARI UZI KO INGOMBAJWI “P” YIGEZE KUZIMIRA IKAGARURWA N’AMAGAMBO Y’AMATIRANO?

Nk’uko bizwi, ururimi rurakura rukagenda rugira ibishya birwinjiramo n’ibindi biruvamo bitewe n’impamvu zitandukanye. Iryo hinduka mu iyigandimi bita “gukura” rishobora kuba mu bice binyuranye bigize ururimi. Rishobora kuba ku magambo, ku myubakire y’interuro, ku mivugire cyangwa ku majwi agize ururimi. Gukura gushobora kuba kwiza cyangwa kubi.

Ururimi rw’Ikinyarwanda na rwo rugenda rukura uko ibihe bisimburana. Hari bimwe mu birugize bisigara mu mateka, ibindi bikarwinjiramo bivuye mu zindi ndimi, cyangwa se bigahindura imiterere. Mu mateka y’inyemvugo (amajwi/inyuguti) z’Ikinyarwanda hari izatakaye maze ziribagirana ariko hari n’iyagarutse izanywe n’amagambo y’amatirano. Iyo ni “p”.

Indimi bantu nyinshi zagize impinduka zirebana n’amajwi (inyuguti) yazo. Mu Kinyarwanda na ho inyemvugo (amajwi/inyuguti) zimwe zaratakaye ntizagaruka ariko “p” yo iza kugarurwa n’amagambo cyatiye mu ndimi z’amahanga. Impamvu izindi zatakaye burundu ziragoranye kuzimenya. Ikigaragara ni uko “p” yo yashoboye kugaruka. Uretse n’Ikinyarwanda, byagaragaye ko iyi nyemvugo (ijwi/inyuguti) yagiye ihinduka mu ndimi nyinshi ku isi yose bigasa nk’aho ifite uwo mwihariko. No mu Kinyarwanda, twavugaga ko hari n’aho yahindutse ikaba “h”. Iyo witegereje amagambo y’igiswayire n’ay’Ikinyarwanda bihuje inyito usanga hari isano bifitanye: Gu**h**a (K) – ku**p**a (Sw); Kuri**h**a (K) – kul**i**pa (Sw);

Gu**h**onda (K) – ku**p**onda (sw); I**h**embe (K) – **p**embe (Sw);

Uru**h**ande (K) – ki**p**ande (Sw), ...

Ibi bikaba bishobora kuba biterwa n’umuseemo /aspiration/ uhindura “p” ikaba ingombajwi y’inseeme “h”. Hari kandi n’aho yahindutse “f” nk’uko byagenze mu ndimi nyinshi ku isi. Ibyo bigaragara nanone mu ngero z’igiswayire n’Ikinyarwanda:

Gu**f**ata (K) – ku**p**ata (Sw);

Gu**f**i (K) – fu**p**i Sw).

Birashoboka ko hari aho iyi “h” ari iyahozeho mu Kinyarwanda ariko harimo aho ari ihinduka rya “p” ikaba “h”.

Mu gutakara kw’inyemvugo (ijwi/inyuguti) “p” y’Ikinyarwanda, byaragaragaye ko yasigaye gusa mu magambo y’amarangamutima nka “pa!” y’urusaku rw’ikikubise na “pe!” isobanura *byinshi*, *cyane*. Ayandi magambo tubona ubu arimo “p” ni ayo ururimi rwatiye mu zindi ndimi cyanecyane mu giswayire no mu gifaransa. Ingero ni nyinshi:

Gupima (K) → **kupima** (Sw);

Umupira (K) → **mpira** (Swa);

Umupaka (K) → **mpaka** (Sw);

Piripiri (K) → **pilipili** (Sw);

Ipantaro (K) → **pantalon** (Fr);

Ipaki (K) → **paquet** (Fr)

Igiporisi (K) → **police** (Fr);

Iperu (K) → **appel** (Fr),

Perezida (K) → **president** (Fr), ...

Ubusanzwe abahanga bemeza ko ururimi rudashobora gutira inyemvugo (amajwi/inyuguti) rutigeze rugira mu zirugize. Iyo rusanze rutiye ijwi rutagize rurisimbuza iryarwo rukariha imiterere yarwo. Abahanga bemeza kandi ko iyo ururimi rutiye amagambo arimo ijwi rwigeze kugira rikazimira, n’ubwo abaruvuga muri icyo gihe baba batari barizi ngo barikoreshe, rirongera rikagaruka uko ryari ururimi rutarihinduye ngo rurihuze n’ayo rusanganywe. Ni nk’aho mbese ruba rwongeye kuryakira rukariha umwanya ryahoranye. Nguko uko inyemvugo “p” (ijwi/inyuguti “p”) yagarutse mu Kinyarwanda ryari ryaratakaye.

Nk’uko byagaragajwe mbere, ikibazo cyakwibazwa ni icyo kumenya impamvu ari yo yonyine yagarutse mu zazimiye zose? Ubanza ahari zo zaraheze kubera ko zitabonye ayo mahirwe yo kugira ururimi rudutiza amagambo zirimo ngo agaruke. Igisubizo nyacyo cyava mu bushakashatsi buruseho.

Ubaye ukeneye gusobanukirwa kurushaho wasoma inyandiko Alegizanderi KIMENYI yasohoye mu kanyamakuru UBUREZI, UBUHANGA N’UMUCO – EDUCATION, SCIENCE ET CULTURE n° 11 mu wa 1984, kuva ku rupapuro rwa 87 kugera ku rwa 98.